CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali / Rwanda
Tél. : (+250) 789 55 08 48
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# ITANGAZO RISOZA IMIRIMO Y'INTEKO RUSANGE Y'179 Y'INAMA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA YATERANIYE KU RUYENZI KUVA KU ITARIKI 08 KUGEZA KU YA 11 NZERI 2026

Guhera ku wa kabiri tariki ya 08 kugera ku wa gatanu ku ya 11 Nzeri 2026, Inteko Rusange y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yateraniye kuri Centre Pastoral y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda ku Ruyenzi. Imirimo y'Inteko rusange y'179 yayobowe na Eminanse Antoni Karidinali KAMBANDA, Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda. Inama yabimbuwe n'isengesho saa yine nkuko byari biteganijwe.

Umuhango wo gutangiza imirimo y'iyi Nteko Rusange witabiriwe kandi na Nyiricyubahiro Musenyeri Arnaldo CATALAN, Intumwa ya Papa mu Rwanda, waje aherekejwe n'umunyamabanga mu Biro by'Intumwa ya Papa mu Rwanda, Musenyeri Daniel Tumiel.

Mu ijambo ryo gutangiza imirimo y'Inteko Rusange, Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yashimiye abepiskopi abaha ikaze, abifuriza kuzagira imirimo myiza y'inama. Yahaye ikaze ku buryo bw'umwihariko Padiri Eric NDAGIJIMANA umunyamabanga mushya wungirije mu Nama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, wari uje mu nama bwa mbere. Yibukije abandi Bepisikopi ko inama yo muri Nzeri isuzuma uko ibikorwa by'umwaka w'ikenurabushyo byakozwe n'uko umutungo wakoreshejwe hakanateganywa ibikorwa by'umwaka utaha n'ingengo y'imari izakoreshwa. Yasabye buri wese gutanga umuganda w'ibitekerezo ku cyarushaho gufasha mu migendekere myiza y'ibikorwa bya Komisiyo na Serivisi z'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.

Intumwa ya Papa mu Rwanda, mu ijambo rye, yagejeje ku Bepiskopi gahunda ya Sinodi uko iteganyijwe kugera mu Ukwakira 2028. Yabibukije ko hagati ya Kamena 2025 n'Ukuboza 2026 hari hateganijwe ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ya Sinodi ku rwego rwa Kiliziya y'ibanze; muri 2027 igihembwe cya mbere ni ku rwego rwa za diyosezi; mu gihembwe cya kabiri 2027 ni ku rwego rw'Inama z'Abepiskopi, Kiliziya z'iburasirazuba no ku rwego rwa Kiliziya zihariye. Amezi ane ya mbere ya 2028, hazaba inama ku rwego rw'Imigabane. Intumwa ya Papa mu Rwanda yavuze kandi ko ari ngombwa gushyiraho amatsinda ya Sinodi aho atarashyirwaho.

Umuyobozi w'Inteko Rusange y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yakurikijeho kurebera hamwe na bagenzi be gahunda y'inama yose uko yakabaye bityo bafatanya kuyemeza bamaze kuyikorera ubugororangingo. Buri Mwepiskopi yagejeje ku bandi iby'ingenzi mu byaranze ubutumwa muri Diyosezi ye hagati ya Gicurasi na Nzeri 2026. Inteko rusange yasuzumye ibindi byari ku murongo w'ibyigwa ingingo ku yindi:

1. **Ingoro ya Bikira Mariya i Kibeho**

Abepisikopi bateze amatwi Musenyeri Selestini HAKIZIMANA, Umwepiskopi wa Gikongoro, wababwiye ibijyanye n'Ingoro ya Kibeho. Yabagejejeho aho kwagura ubutaka bigeze n'ingorane zigihari. Abepiskopi bemeje ko handikwa ibaruwa yo kongera kuvuga neza ibijyanye n'ibyatangajwe n'Umubyeyi Bikira Mariya i Kibeho mu rwego rwo gukumira urujijo ruterwa n'abigana iby'Ingoro ya Bikira Mariya n'ubutumwa bwahatangiwe.

2. **Ihuriro ry'urubyiruko**

Abepisikopi bahaye umwanya Musenyeri Papiyasi MUSENGAMANA, Umwepiskopi wa Byumba abagezaho imbuto z'ihuriro ry'urubyiruko ryabereye i Byumba kuva ku itariki ya 19-23 Kanama 2026. Ihuriro ryitabiriwe n'urubyiruko ruvuye muri diyosezi zose z'u Rwanda, muri diyosezi yo mu Butaliyani no mu zindi diyosezi zo mu bihugu bituranye n'u Rwanda. Insanganyamatsiko yari: *Abahamya b'amizero, ubuvandimwe n'amahoro.* Hari abakiriwe mu miryango abandi bakirirwa mu bigo by'amashuri.

Abepiskopi bemeje ko hazajya habaho amahugurwa y'abapadiri bashinzwe ikenurabushyo ry'urubyiruko, kugira ngo bashobore kurufasha bafite ubumenyi buhagije. Abepiskopi bashimangiye ko ibikorwa by'ihuriro ry'urubyiruko byajya birushaho kurangwa n'ubusabaniramana. Abepiskopi bishimiye itorwa rya Padiri Alegisi NDAGIJIMANA ku mwanya w'ushinzwe iyogezabutumwa ry'urubyiruko ku rwego rw'Afrika, bamwifuriza ubutumwa bwiza.

3. **Raporo y'ibikorwa n'ikoreshwa ry'umutungo mu Maseminari Makuru**

Abepisikopi bakurikiye raporo zatanzwe n'abayobozi b'amaseminari n'abashinzwe umutungo. Bashimye umurimo ukorwa n'abarezi. Abepisikopi basabye abayobozi mu maseminari makuru gukoresha neza umutungo, babibukije kandi gukoresha gahunda igezweho y'ikoranabuhanga ifasha mu ibaruramari. Abepiskopi babasabye kugira urubuga rwa interineti no kurwitaho kugirango abafatanyabikorwa bamenye neza ibikorwa by'amaseminari. Abarezi muri rusange basabwe kwihatira gufasha abaseminari kugira umugenzo mwiza wo kwiziga kugira ngo barusheho gutanga urugero rwiza rukwiye umufratri n'umusaserdoti w'ejo.

4. **Raporo y'ibikorwa n'ikoreshwa ry'umutungo muri za Komisiyo na Serivisi**

Abepisikopi barebeye hamwe raporo za Komisiyo na Serivisi. Basabye ko Caritas yagenda irushaho kuba umuco mu bakristu, ntikomeze gutega amaboko kuko "ak'imuhana kaza imvura ihise". Basabye ko mu bikorwa by'urukundo, umukene agomba guhabwa agaciro n'icyubahiro,

kandi agafashwa kwifasha. Abepiskopi bemeje ko Caritas ishyiraho umukemurampaka mushya usimbura uwagiye mu kiruhuko cy'izabukuru.

Abepiskopi basabye komisiyo zitandukanye gushyira hamwe imbaraga kugirango barusheho kunoza ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo. Abepiskopi basabye Komisiyo y'Ubutabera n'amahoro gukomeza kwandika bitonze igitabo gikubiyemo gahunda z'ubumwe n'ubudaheranwa mu rugendo rw'isanamitima.

Mu rwego rw'uburezi, Abepisikopi basabye ko uburezi bushingiye ku ndangagaciro za gikristu bushyirwamo imbaraga. Bemeje ko icyumweru cy'uburezi kizasorezwa muri Diyosezi ya Ruhengeri. Mu kuganira n'itangazamakuru rya Kiliziya: Kinyamateka, Radiyo Mariya na Pacis TV, Abepiskopi basabye abayobozi b'ibitangazamakuru Gatolika guhura bakiga uko barushaho gukorana bahuza imbaraga. Pacis TV yashimiwe umwanya mwiza ifite mu ruhando rw'imboneshakure gatolika muri Afrika.

Abepisikopi baganiriye ku ikenurabushyo n'ubutumwa bw'abalayiki, basabye abalayiki kurushaho kumva neza akamaro ko kugendera hamwe. Abepisikopi bakiriye uhagarariye Biro ya Kateshezi, bavugana ku ngendo nyobokamana basanzwe bakora, basabwa kuzazikomeza kuko byubaka ubukristu n'ishyaka ryo gukorera Imana. Basabwe gutegura urubyiruko cyane cyane abiga uburezi kugirango babe batanga umusanzu wo kwigisha iyobokamana.

Abepisikopi bakiriye kandi abahagarariye Komisiyo y'Umuryango no Kurengera Ubuzima bashima uburyo bashyize imbaraga mu gukorana n'izindi Serivisi na Komisiyo mu kwigisha ubusugire bw'ingo. Bongeye kwibutsa ko ari ngombwa gukurikirana ivugwa ry'amasekuru kugirango hirindwe ikibazo gikomeye gishobora kuvuka mu gushyingiranwa kw'abafitanye amasano.

Abepiskopi bakiriye uhagarariye Komisiyo y'Urubyiruko bashima cyane uburyo batunganyije ihuriro ry'urubyiruko ryabereye i Byumba kuva tariki ya 19 kugera tariki ya 23 Kanama 2026. Abepiskopi biyemeje gushyira imbaraga mu kwigisha imigenzo myiza irinda urubyiruko kugwa mu byaha no gutwarwa n'ibisindisha n'ibiyobyabwenge. Bemeje ko urugendo nyobokamana rw'urubyiruko muri uyu mwaka w'ikenurabushyo rwazaba ku itariki ya 21/08/2027 i Kibeho.

Abepiskopi bakiriye abayobozi b'ishuri ry'*Umurwa w'i Nazareti* riherereye i Mbare, muri diyosezi ya Kabgayi. Babashimiye umurimo bakora wo kubungabunga impano n'umurage Mutagatifu Papa Yohani Paul wa II yasigiye u Rwanda. Basabwe kuzajya bahimbaza itariki 08/09, umunsi Papa yaturiye Igitambo cya Misa i Mbare akanahatangira isakaramentu ry'ubusaserdoti ku Badiyakoni 31, n'itariki ya 22/10, umunsi Kiliziya ihimbaza umunsi mukuru wa Mutagatifu Papa Yohani Paulo wa II.

**5. Guhura na Minisitiri w'uburezi**

Abepiskopi bishimiye kwakira Ministri w'uburezi. Baganiriye ku mpinduka zabaye mu mashuri. Ministri yabagejejeho ibyahindutse mu burezi cyane cyane ibirebana n'ibyigishwa mu mashami atandukanye, ingengabihe y'amasomo, amafranga y'ishuri, n'ibirebana n'uburere

n'imyifatire ku ishuri. Abepiskopi basabye ko Iyobokamana n'imigenzo mbonezabupfura byagira umwanya mu masomo yigishwa abana. Basabye ko impamyabumenyi zitangwa na Kaminuza ya Urbaniana zakwakirwa n'ikigo kibishinzwe kuko zemewe ku rwego mpuzamahanga ku isi.

### 6. Imikoranire na Catholic Relief Service (CRS)

Abepiskopi bakiriye Madame Kumud CHANDRA uhagarariye CRS mu Rwanda wari uje kubagezaho ibikorwa byabo kuva bagera mu Rwanda n'imikoranire bafitanye na Kiliziya Gatolika mu Rwanda. Yagaragarije Abepiskopi ubushake bwo gutanga umuganda wabo mu kongerera ubushobozi abakozi b'Inama y'Abepiskopi n'ikenurabushyo rigamije gufasha abana n'abanyantegenke binyuze muri Caritas Rwanda. Abepiskopi biyemeje gukomeza guha imbaraga imikoranire, kumenya neza ibisabwa n'inzego zishinzwe imisoro no kwita kw'iteganyabikorwa binyuze mu biro by'ubujyanama mu icungamutungo.

### 7. Sinodi ku kugendera hamwe

Abepiskopi bahaye umwanya Musenyeri Eduwardi SINAYOBYE ushinzwe ibya Sinodi ku kugendera hamwe mu Nama yabo. Yabagejejeho aho urugendo rwa Sinodi ku kugendera hamwe rugeze mu Rwanda n'ibyavuye mu nama y'Abepiskopi b'Afrika yabereye Addis Abeba kuva ku itariki ya 3-6 Kanama 2026. Abepiskopi bemeje ishyirwaho ry'itsinda rya Sinodi ku rwego rw'igihugu n'amatsinda ya sinodi ku rwego rwa za Diyosezi. Bemeje kandi ko mu nama itaha mu Ukuboza bazafata umwanya uhagije bakazirikana ku ngingo nkuru za Sinodi n'ibindi bibazo byagaragaye mu iyogezabutumwa muri iki gihe.

### 8. Inama ya "Signis World" (Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru Gatolika ku isi)

Abepiskopi baganiriye ku nama mpuzamahanga ya "Signis World" iherutse kubera mu Rwanda, kuva ku itariki ya 03 kugeza ku ya 08/08/2026, bikaba byari ubwa mbere ibereye muri Afrika. Bashimye uburyo yateguwe n'uburyo yagenze ikakira neza abantu bagera kuri 278. Abepiskopi kandi bakiriye neza ubutumwa bw'ishimwe bagejejweho buturutse kuri Padiri Walter IHEJIRIKA, umuyobozi wa Signis ku rwego rw'isi. Bashimiye abateye inkunga n'abafashije mu migendekere myiza ya Kongere. Banifurije ubutumwa bwiza Padiri Fideli MUTABAZI watorewe kuyobora Signis ku rwego rw'Afrika. Inama yabaye umwanya wo gusuzuma urwego rw'ubunararibonye turiho: basanze rukiri hasi ugereranyije n'ahandi muri Afrika, biyemeza gukomeza kurwubaka.

### 9. Igitabo "Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika"

Abepiskopi bakiriye Padiri Joseph Mukasa MUSONI, uhagarariye umukuru w'umuryango w'Abapidiri b'Abamariyani mu Rwanda aje kubamurikira igitabo cya Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika mu rurimi rw'Ikinyarwanda cyasohowe na mugenzi wabo Padiri Leszek CZELUNIAK, afashijwe na Komisiyo y'Abepiskopi ishinzwe Amahame y'Ukwemera, Bibiliya n'Imibanire y'Amadini. Bishimiye uwo murimo, bemeza ko icyo gitabo ari imwe mu mbuto za yubile y'imyaka 125 Inkuru Nziza imaze igeze mu Rwanda.

**10. Umushinga w'inyubako ku Cyicaro cy'Inama y'Abepiskopi Gatolika i Kigali**

Abepiskopi baganiriye ku mushinga w'inyubako y'Icyicaro cy'Inama yabo biyemeza kuwukomeza no kuwuha imbaraga mu buryo bujyanye n'icyerekezo cy'Umugi wa Kigali.

**11. Ingengabihe y'umwaka w'ikenurabushyo**

Abepisikopi barebeye hamwe ibikorwa biteganyijwe mu mwaka w'ikenurabushyo 2026/2027, nuko bemeza igihe bizakorerwa, babishyira ku ngengabihe y'umwaka bamaze kubyumvikanaho.

**12. Urugo rwa Mutagatifu Tereza**

Abepisikopi bemeje ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka w'ikenurabushyo 2026/2027 mu Rugo rwa Mutagatifu Tereza. Bemeje inkunga izatangwa na buri Diyosezi.

**13. Amabwiriza ya Liturujiya**

Abepisikopi baganiriye ku munsi mukuru w'Ibiremwa byose bemeza amasengesho n'amasomo bizajya bikoreshwa mu Gitambo cya Misa yo gusaba "kwita ku biremwa byose" kizajya giturwa ku ya 01 Nzeri buri mwaka.

Imirimo y'Inteko Rusange yashojwe n'isengesho, ku wa gatanu tariki ya 11 Nzeri 2026, saa saba n'igice z'amanywa. Abepiskopi barangije imirimo bifurizanya umwaka mwiza w'ikenurabushyo 2026/2027.

Bikorewe ku Ruyenzi, ku wa 11 Nzeri 2026

**Padiri Védaste Kayisabe**
Umunyamabanga Mukuru
w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda

**+ Antoni Karidinali KAMBANDA**
Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida
w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
C EP R
B.P. 357 Kigali Rwanda
* PRESIDENT *